# 132: Nsiz' ububata n'umwijima

1.

Nsiz' ububata n'umwijima, Ndaje, Yesu; ndaje, Yesu. Mbony’ umudendezo n'umucyo: Yesu, ndakwitabye! Nsiz’ubutindi n'uburema, Mbony' ubukire n'intege nyinshi. Mvuye mu byah' urankijije : Yesu, ndakwitabye !

2.

Mvuye mu byago n'ibihendo, Ndaje, Yesu; ndaje, Yesu, Mbony' indamu mu rupfu rwawe, Yesu ndakwitabye! Mvuyemw intimba n'amarira, Ngeze mu byishimo. bidashira. Nshizemw induru, mpaw' impundu Yesu, ndakwitabye!

3.

Nsiz' amahane n'ubwigenge,Ndaje, Yesu; ndaje, Yesu. Ngeze ku kwemer' lby’ukunda,Yesu, ndakwitabye! Ntay' ibyanjye, nguhungiyeho; Mvuye mu bwihebe, nd' amahoro: Ntaye Satani, ngo mb' uwawe : Yesu, ndakwitabye!

4.

Nsize gutiny' urupfu n'imva, Ndaje, Yesu; ndaje, Yesu. Mbony' umutim' ushyitse mu nda,Yesu, ndakwitabye ! Nkuwe mu kanwa k'inyamaswa, Ntashye mu rugo rw'intama zawe! Mpere none, nkugandukire: Yesu, ndakwitabye!

Visit us at indirimbo.com